# 347: Yesu nguriy' ahw ahagaze

1.
Yesu nguriy' ahw ahagaze; Dor' ukw aboshywe n'abanzi be Umva Pilat' arabaz' ati :Yesu mugirire nte ?

Ref:
Uramugenza s'ute ?hitamo nonaha ' Naw' utazibaz' ubundi, Uti Arangenz' ate?

2.
Ibyo na non' ubihitemo ! Wabyemera, wamuhinyura, Cyangwa wamwimika wishimye.Uramugirir' ute ?

3.
Ubwo Pilato yashakaga Kwirengagiza guhitamo, Byaramunaniye : naw' ibyo Ntibyagushobokera.

4.
Petero yaramwihakanye; Ni ko guhitamo nabi pe ! Wowe s' ahubwo ntiwakunda Gupfa bamuguhora ?

5.
Yes' umusubize nez' uti :Nd' uwawe, Mwami, ndakwihaye; Umpe kujy' aho wanyobora, Nishimiy' iby' ukunda !

Visit us at indirimbo.com